

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 086/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA</b></p>	<p><b>PRIME MINISTER'S ORDER N° 086/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 086/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHÉS PUBLICS</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DE MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije</b></p>	<p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Order</b></p>	<p><b><u>Article premier:</u> Objet du présent Arrêté</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Organisational structure</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Structure organisationnelle</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Igenwa ry'Umushahara</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Determination of the Salary</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Détermination du salaire</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Ibigize umushahara mbumbe</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Composition of the gross salary</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Composition du salaire brut</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru wa RPPA uri ku rwego rw'umurimo rwa "F"</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Fringe benefits for the Director General of RPPA on "F" job level</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Avantages alloués au Directeur General de RPPA au poste de niveau "F"</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibindi bigenerwa <i>Division Manager</i> uri ku rwego rw'umurimo rwa "2.III"</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Fringe benefits for Division Manager on "2.III" job level</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Avantages alloués au <i>Division Manager</i> au poste de niveau "2.III"</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Ibindi bigenerwa <i>Director of Unit</i> na <i>Specialist</i> bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II"</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Fringe benefits for Director of Unit and Specialist on "3.II" job level</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Avantages alloués au <i>Director of Unit</i> et au <i>Specialist</i> au poste de niveau "3.II"</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Indamunite z’urugendo rw’imodoka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri tela</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Mileage allowances</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Repealing provision</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Indemnités kilométriques</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Entrée en vigueur</b></p>
---	--	--

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 086/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA</b></p> <p><b>Minisitiri w'Intebe;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 52;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 68/03 ryo ku wa 27/2/2015 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p>	<p><b>PRIME MINISTER'S ORDER N° 086/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY</b></p> <p><b>The Prime Minister;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for Public Service, especially in its article 52;</p> <p>Having reviewed the Prime Minister's order n° 68/03 of 27/2/2015 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda public procurement authority;</p> <p>On proposal by the Minister Public Service and Labour;</p>	<p><b>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 086/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHÉS PUBLICS</b></p> <p><b>Le Premier Ministre;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 52;</p> <p>Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 68/03 du 27/2/2015 portant structure organisationnelle, salaire et autres avantages accordés au personnel de l'Office Rwandais des Marchés Publics;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p>
--	--	--

<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutanga Amasoko ya Leta (RPPA).</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo</u></b></p> <p>Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutanga amasoko ya Leta (RPPA) iri ku mugereka wa I w'iri teka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Igenwa ry'Umushahara</u></b></p> <p>Imishahara y'abakozi ba RPPA igenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo kandi hakurikijwe amahame ngenderwaho mu kubara imishahara mu Butegetsi bwa Leta.</p> <p>Urwego, umubare fatizo, agaciro k'umubare fatizo n'umushahara mbumbe bigendana na buri mwanya w'umurimo muri RPPA biri ku mugereka wa II w'iri teka.</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2020;</p> <p><b>ORDERS:</b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order determines the Organisational Structure, salaries and fringe benefits for employees of National Institute of Statistics of Rwanda (RPPA).</p> <p><b><u>Article 2: Organisational structure</u></b></p> <p>The organisational structure for National Institute of Statistics of Rwanda (RPPA) is in annex I of this Order.</p> <p><b><u>Article 3: Determination of the salary</u></b></p> <p>Salaries for employees of RPPA are determined basing on the job classification and in accordance with general principles on salary calculation in Public Service.</p> <p>The level, index, index value and the gross salary corresponding to each job position in RPPA are in annex II of this Order.</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2020;</p> <p><b>ARRÊTE:</b></p> <p><b><u>Article premier: Objet du présent Arrêté</u></b></p> <p>Le présent Arrêté détermine la structure organisationnelle, les salaires et les avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA).</p> <p><b><u>Article 2: Structure organisationnelle</u></b></p> <p>La structure organisationnelle de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA) est en annexe I du présent arrêté.</p> <p><b><u>Article 3: Détermination du salaire</u></b></p> <p>Les salaires alloués aux agents de RPPA sont déterminés suivant la classification des emplois et conformément aux principes généraux de fixation des salaires dans la fonction publique.</p> <p>Le niveau, l'indice, la valeur indiciaire et le salaire brut correspondant à chaque emploi de RPPA sont en annexe II du présent arrêté.</p>
--	--	---

<b><u>Ingingo 4: Ibigize umushahara mbumbe</u></b>	<b><u>Article 4: Composition of the gross salary</u></b>	<b><u>Article 4: Composition du salaire brut</u></b>
<p>Umushahara mbumbe wa buri kwezi w'umukozi ukubiyemo iby' ingenzi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° umushahara fatizo;</li> <li>2 ° indamunite y'icumbi;</li> <li>3 ° indamunite y'urugendo;</li> <li>4 ° inkunga ya Leta mu bwiteganyirize bw'umukozi;</li> <li>5 ° inkunga ya Leta yo kuvuza umukozi.</li> </ul> <p>Indamunite y'urugendo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntigenerwa abayobozi bari ku nzego z'imirimo za "F" n'urwa "2.III" boroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu mu nshingano. Ntigenerwa kandi abakozi bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II" bagenerwa indamunite yihariye y'urugendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano.</p>	<p>The monthly gross salary of the authorities and employees is mainly composed of the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° basic salary;</li> <li>2 ° housing allowance;</li> <li>3 ° transport allowance;</li> <li>4 ° state contribution for social security;</li> <li>5 ° State contribution for medical care.</li> </ul> <p>The transport allowance specified in Paragraph One of this Article is not granted to officials positioned on "F" and "2.III" job levels whose transport is facilitated in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport. It is neither granted to public servants positioned on "3.II" job level who are entitled to special transport allowance in accordance with Instructions of the Minister in charge of public service.</p>	<p>Le salaire brut mensuel d'un agent comprend principalement:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1 ° le salaire de base;</li> <li>2 ° l'indemnité de logement;</li> <li>3 ° l'indemnité de transport;</li> <li>4 ° la contribution de l'État à la sécurité sociale;</li> <li>5 ° la contribution de l'État aux soins médicaux.</li> </ul> <p>L'indemnité de transport visée à l'alinéa premier du présent article n'est pas allouée aux Agents de l'État aux postes de niveau "F" et "2.III" pour lesquels le transport est facilité selon les Instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. Elle n'est pas non plus allouée aux agents de l'État aux poste de niveau "3.II" qui bénéficient d'une indemnité spéciale de transport conformément aux instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 5: Ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru wa RPPA uri ku rwego rw’umurimo rwa “F”</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Fringe benefits for the Director General of RPPA on “F” job level</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Avantages alloués au Directeur General de RPPA au poste de niveau “F”</u></b></p>
<p>Umuyobozi Mukuru wa RPPA uri ku rwego rw’umurimo rwa “F” agenerwa ibindi bimufasha gutunganya umurimo bikurikira:</p>	<p>The Director General of RPPA on “F” job level is entitled to the following fringe benefits:</p>	<p>Le Directeur Général de RPPA au poste de niveau “F” bénéficie des avantages suivants:</p>
<p>1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) buri kwezi y’itumanaho rya telefoni yo mu biro;</p>	<p>1° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month for office landline communication;</p>	<p>1° les frais de communication par téléphone de bureau équivalent à cent mille francs rwandais (100.000 FRW) par mois ;</p>
<p>2° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) buri kwezi y’itumanaho rya telefoni igendanwa;</p>	<p>2° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month for mobile phone communication;</p>	<p>2° les frais de communication par téléphone portable équivalent à cent mille francs rwandais (100.000 FRW) par mois;</p>
<p>3° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) buri kwezi yo kwakira abashyitsi mu kazi anyura kuri konti ya RPPA;</p>	<p>3° office entertainment allowance of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) per month transferred to the bank account of RPPA;</p>	<p>3° les frais de représentation au service équivalent à deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) chaque mois domiciliés au compte bancaire de RPPA;</p>
<p>4° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano ze.</p>	<p>4° transport facilitation in accordance with the Instructions of the Minister in charge of transport.</p>	<p>4° les facilités de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 6: Ibindi bigenerwa <i>Division Manager</i> uri ku rwego rw’umurimo rwa “2.III”</u></b></p> <p><i>Division Manager</i> uri ku rwego rw’umurimo rwa “2.III” agenerwa ibindi bimufasha gutunganya imirimo ku buryo bukurikira:</p> <p>1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) y’itumanaho rya telefone igendanwa n’amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) y’itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi;</p> <p>2° koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n’ibintu mu nshingano.</p>	<p><b><u>Article 6: Fringe benefits for <i>Division Manager</i> on “2.III” job level</u></b></p> <p><i>Division Manager</i> on “2.III” job level is entitled to fringe benefits as follows:</p> <p>1° seventy thousand Rwandan francs (70,000 FRW) for mobile phone communication allowance and seventy thousand Rwandan francs (70,000 FRW) for office landline communication allowance, per month;</p> <p>2° transport facilitation in accordance with instructions of the Minister in charge of transport.</p>	<p><b><u>Article 6: Avantages alloués au <i>Division Manager</i> au poste de niveau “2.III”</u></b></p> <p><i>Division Manager</i> au poste de niveau “2.III” bénéficie des avantages comme suit:</p> <p>1° soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable et soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois;</p> <p>2° la facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Ibindi bigenerwa <i>Director of Unit</i> na <i>Specialist</i> bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II”</u></b></p> <p><i>Director of Unit</i> na <i>Specialist</i> bari ku rwego rw’umurimo rwa “3.II” bagenerwa buri wese ibindi bikurikira:</p> <p>1° amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo itatu (30.000 FRW)</p>	<p><b><u>Article 7: Fringe benefits for <i>Director of Unit</i> and <i>Specialist</i> on “3.II” job level</u></b></p> <p><i>Director of Unit</i> and <i>specialist</i> on “3.II” job level is each entitled to the following fringe benefits:</p> <p>1° thirty thousand Rwandan francs (FRW 30,000) for mobile phone communication allowance, per month;</p>	<p><b><u>Article 7: Avantages alloués au <i>Director of Unit</i> et au <i>Specialist</i> au poste de niveau d’emploi “3.II”</u></b></p> <p>Le <i>Director of Unit</i> et le <i>Specialist</i> au poste de niveau d’emploi “3.II” bénéficie chacun, les avantages suivants:</p> <p>1° trente mille francs rwandais (30.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois;</p>

<p>y'itumanaho rya telefone igendanwa, buri kwezi;</p> <p>2° indamunite yihariye y'urugendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><i>Director of Unit</i> uri ku rwego rw'umurimo rwa "3.II" agenerwa kandi amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y'itumanaho rya telefone yo mu biro, buri kwezi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Indamunite z'urugendo rw'imodoka</u></b></p> <p>Iyo umuyobozi mukuru uri ku rwego rw'umurimo rwa "F" cyangwa urwa "2.III" agiye mu butumwa imbere mu Gihugu akoresheje imodoka ye, Leta imugenera indamunite y'urugendo hakurikijwe ibiteganywa n'Amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri tela</u></b></p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>2° a special transport allowance as determined by the Instructions of the Minister in charge of public service.</p> <p>A Director of Unit on "3.II" job level is also entitled to one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for office landline communication allowance, per month.</p> <p><b><u>Article 8: Mileage allowances</u></b></p> <p>When a Senior Official on "F" or "2.III" job level goes on official mission inside the country by using his or her vehicle, the State pays him or her a mileage allowance, in accordance with Instructions of the Minister in charge of transport.</p> <p><b><u>Article 9: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></b></p> <p>The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are</p>	<p>2° l'indemnité spéciale de transport conformément aux instructions du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p>Un <i>Director of Unit</i> au poste de niveau d'emploi "3. II" bénéficie aussi de cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois.</p> <p><b><u>Article 8: Indemnités kilométriques</u></b></p> <p>Lorsqu'un haut cadre au poste de niveau "F", ou au "2.III" va en mission officielle à l'intérieur du pays en utilisant son véhicule, l'État lui octroie une indemnité kilométrique conformément aux Instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 9: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></b></p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification</p>
--	---	--



<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ivanwaho ry’iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</b></p> <p>Iteka rya Minisitiri w’Intebe n° 68/03 ryo ku wa 27/2/2015 rigena imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi b’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p>entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><b><u>Article 10:</u> Repealing provision</b></p> <p>The Prime Minister’s order n° 68/03 of 27/2/2015 determining organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda public procurement authority and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><b><u>Article 11:</u> Commencement</b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Économique sont chargés de l’exécution du présent Arrêté.</p> <p><b><u>Article 10:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p>L’Arrêté du Premier Ministre n° 68/03 du 27/2/2015 portant structure organisationnelle, salaire et autres avantages accordés au personnel de l’Office Rwandais des Marchés Publics et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><b><u>Article 11:</u> Entrée en vigueur</b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	--

Kigali, 14/08/2020

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**

Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

(sé)

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo  
Minister of Public Service and Labour  
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**


(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>UMUGEREKA I W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 086/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA</b></p>	<p><b>ANNEXE I TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 086/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY</b></p>	<p><b>ANNEXE I À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 086/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHÉS PUBLICS</b></p>
--	--	---

**RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA) ORGANISATIONAL CHART**



<p><b>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 086/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya Amasoko ya Leta</b></p>	<p><b>Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 086/03 of 14/08/2020 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Public Procurement Authority</b></p>	<p><b>Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 086/03 du 14/08/2020 déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais des Marchés Publics</b></p>
--	--	--

Kigali, 14/08/2020

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>UMUGEREKA II W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 086/03 RYO KU WA 14/08/2020 RIGENA IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA</b></p>	<p><b>ANNEXE II TO PRIME MINISTER'S ORDER N° 086/03 OF 14/08/2020 DETERMINING ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY</b></p>	<p><b>ANNEXE II À L'ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 086/03 DU 14/08/2020 DÉTERMINANT LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHÉS PUBLICS</b></p>
---	---	--

**RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA) SALARY STRUCTURE**

No	POST	I.V	Level	Index	Gross Salary (Rwf/Month)
1	Director General	500	F	2869	1 833 906
2	Research, Capacity Development and Monitoring Division Manager	500	2.III	1890	1 356 635
3	Director of Administration & Finance Unit	500	3.II	1369	982 663
4	Contract Management and Procurement Research Specialist	500	3.II	1369	982 663
5	Litigation and Investment Specialist	500	3.II	1369	972 870
6	Reference Price and Quantity Surveyor Specialist	500	3.II	1369	972 870
7	Capacity building, Coaching and Mentoring Specialist	500	3.II	1369	972 870
8	Monitoring Specialist	500	3.II	1369	972 870
9	Public Relations & Communication Officer	500	4.II	1141	810 844
10	Procurement Officer	500	5.II	951	675 821
11	Accountant	500	5.II	951	675 821
12	Front Desk Operation Officer	500	5.II	951	675 821
13	Independant Review Panel officer	500	5.II	951	675 821
14	Logistics Officer	500	5.II	951	675 821
15	Administrative Assistant to the DG	500	5.II	951	675 821
16	Documentation & Archives Officer	500	6.II	793	563 540
17	Secretary to Finance	500	8.II	508	361 007



<b>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 086/03 ryo ku wa 14/08/2020 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya Amasoko ya Leta</b>	<b>Seen to be annexed to Prime Minister's Order n° 086/03 of 14/08/2020 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Public Procurement Authority</b>	<b>Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 086/03 du 14/08/2020 déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais des Marchés Publics</b>
---	---	---

Kigali, 14/08/2020

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux